CPF INEZA

# INGUZANYO Y'UBUHINZI BW' URUTOKI

## IRIBURIRO:

Iyi nguzanyo itangwa mu rwego rwo kwagura ishoramari mu bijyanye n'uruhererekane nyongeragaciro mu buhinzi bw'urutoki bubungabunga ibidukikije kandi butangiza ikirere. Igenewe gufasha abahinzi kugura umurima; kubona inyongera musaruro; gutunganya ubutaka; kugura imbuto; kugura ibikoresho byifashishwa mu buhinzi nk'amasuka, imashini zihinga, izivomerera, izitera imiti; kwita ku nsina; guhemba abakozi; gutunganya, gufata neza umusaruro n'ubwikorezi bwawo. Muri abo bahinzi dushishikariza urubyiruko, abagore, n'abafite ubumuga kuyitabira.

## ABO IGENEWE:

1. Abacuruzi b'inyongeramusaruro (imibyare y'insina, ifumbire n'imiti)
2. Abahinzi (umuntu ku giti cye, amatsinda, koperative n'abandi...)
3. Inganda zitunganya umusaruro w'urutoki
4. Abikorezi b'umusaruro (ku magare, moto, lifani n'imodoka)
5. Abongerera agaciro n'abacuruza umusaruro w'urutoki

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto:
   - 18% ku mwaka, ku makoperative cyangwa abanyamuryango bayo ndetse n'amatsinda y'abahinzi
   - 20% ku mwaka ku bahinzi ku giti cyabo
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Yishyurwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura (ku kwezi, ku gihembwe, cyangwa kwishyurira icya rimwe mu gihe cyumvikanyweho)

4. Igihe gihagije cyo kwitegura kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 9 (iyo gikenewe).
5. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gishobora kugera ku mezi 48 bitewe n'imiterere y'umushinga.

## IBYO KWITABWAHO MU GUHANGANA N' IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

a. Guhinga amoko y'insina ashobora kwihanganira imihinda gurikire y'ibihe.
b. Kubahiriza igihe nyacyo cy'ihinga hakurikijwe amakuru y'iteganyagihe
c. Gukoresha ifumbire kamere.
d. Gukoresha uburyo bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi budahumanya
e. Gukoresha mu buryo buboneye bwo kuhira, gusasira, no kurwanya isuri.
f. Gukoresha ibikoresho by'ubuhinzi bikoresha ingufu nke cyangwa ikoranabuhanga rishingiye ku mirasire y'izuba, bigabanya ihumana ry'ikirere kandi bigateza imbere ingufu zisubira.
g. Ubwishingizi bw'urutoki bugamije kurinda abahinzi ingaruka z'ibiza biterwa n'ihindagurika ry'ibihe.

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuhinzi ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikje